

ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE



Photo Credit: Lynette Lim/ Save the Children



Photo Credit: Lynette Lim/ Save the Children

Ifashishe gahunda za Leta zisanzwe nk'umuganda n'andi makoraniro maze ushishikarize abaturage ibyiza byo gusoma. Bamenyeshe ko gusoma bituma twongera ubumenyi, tumenya amakuru, tukiteza imbere, tukanateza abaturage imbere ndetse n'igihugu cyose muri rusange.

Ba intangarugero mu baturanyi bawe mu bijyanye no gusoma. Somera mu ruhamye, iyana igitabo cyawe kandi ubwire abandi ibyo uri gusoma.

Ganira n'abaturanyi bawe maze mushyireho imihigo mu byerekeranye no gusoma kandi ujye ukoresha inama zihoraho zaguye murebere hamwe ibyagezweho.

Tegura ibikorwa bijyanye no gusoma, amaserukiramico yo gusoma, amarushanwa cyangwa kubara inkuru. Fatanya muri ibi bikorwa n'ishuli cyangwa isomero mwegeranye.

Fasha abaturage bawe kubona ibyo basoma. Shakisha uburyo wabona isomero rusange, uko mwasangira ibinyamakuru, n'ibindi.

Saba abanyeshuli n'abandi bantu bajijutse muturanye gukora imfashanyigisho nk'inkuru, utunyamakuru two mu biganiro binyura kuri radiyo, imigani, udukinamico dusekeje, n'ibindi hanyuma mubibwirane.



Rwanda Reads ni umushinga Minisiteri y'Uburezi ihuriyeho na REB ugamije guteza imbere umuco wo gusoma, kumenya kwandika no gusoma mu Rwanda hose. Ni urubuga rw'ubufatanye, guhuza ibikorwa, gusangira amakuru hagamiywe guhuriza hamwe ingufu zose z'abafatanyabikorwa bakora mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gusoma.



ABAREZI



Photo Credit: Colin Crowley/ Save the Children



Photo Credit: Colin Crowley/ Save the Children

Fasha abana gusoma bijyanye n'ikigero icyo ari cyo cyose bagezemo.
Biba akarusho iyo umwana gusoma abigize umuco akiri muti!

Mu byiciro by'amashuri y'incuke n'iby'amashuri abanza, teganya igihe abana basomeraho buri muni. Mu myaka yo hasi, ushobora gusomera abana ibitabo uranguruye ijwi.

Emerera abana mu byiciro byose gukoresha ibitabo mu ishuli no kubitahana mu rugo iwabo. Ereka abana uko bafata ibitabo neza; bityo bizabasha kuramba.

Abanyeshuli bose bagomba kugerwaho n'ibyiza by'umuco wo gusoma. Reba niba abahungu, abakobwa, n'abana babana n'ubumuga bahabwa ubufasha bakeneye.

Shishikariza ababyeyi gusoma ishuli kugirango babashe kuganira ku byekeranye n'uko abana batera imbere. Nimuganire uburyo ki mwese mwakorera hamwe mugashyigikira iterambere ry'umwana mu bijyanye no gusoma.

Taka ishuli wigishamo umanika ku bikuta byaryo impapuro zatunganyirijwe mu macapiro n'izo wikoreye, amagambo, ndetse n'amakarita. Abana bazashimishwa no kubona inyandiko zatunganyirijwe mu macapiro impande zabo.



Rwanda Reads ni umushinga Minisiteri y'Uburezi ihuriyeho na REB ugamije guteza imbere umuco wo gusoma, kumenya kwandika no gusoma mu Rwanda hose. Ni urubuga rw'ubufatanye, guhuza ibikorwa, gusangira amakuru hagamijwe guhuriza hamwe ingufu zose z'abafatanyabikorwa bakora mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gusoma.



ABABYEYI



Photo Credit: Colin Crowley/ Save the Children



Photo Credit: Martin Kharumwal/ Save the Children

Shyira mo ingufu umwana wawe amenye gusoma no kwandika akiri muto. Abana bagombye kwikuzamo ubushobozi ngiro butanu bw'ibanze bwo kumenya gusoma no kwandika mbere yo gutangira amashuri abanza harimo kuganira no gutega amatwi, gutandukanya imiterere y'ibintu, ibintu mu mashusho, kumenya ibitabo icyo ari cyo, kumva amagambo n'amajwi, no kumenya inyuguti.

Icarana n'umwana kandi musomere hamwe mu gihe cy'iminota mike buri muni. Niba utazi gusoma neza, shishikariza umwana wawe akubwire ibiri ku mashusho uko agenda bahindura impapuro.

Shishakariza ishuli ryawe kwemerera abana gutahana igitabo iwabo buri muni. Fasha umwana wawe gufata neza igitabo.

Reba niba umwana wawe afata iminota mike yo gusoma buri muni. Reba niba abahungu kimwe n'abakobwa babona igihe cyo gusoma mu rugo.

Sura mwarimu w'umwana wawe maze muganire ku bijyanye n'uburyo akurikira n'uburyo mwafatanyaga mugashyigikira kwimakaza umuco wo gusoma muri we. Shimira mwarimu ku bw'umurimo ukomeye akora.

Tegura icyo gusoma n'icyo kwandika buri muni. Kora urutonde rw'ibigomba kugurwa noneho ubisomere mu iguriro uko uagenda ubitoranya.



Rwanda Reads ni umushinga Minisiteri y'Uburezi ihuriyeho na REB ugamije guteza imbere umuco wo gusoma, kumenya kwandika no gusoma mu Rwanda hose. Ni urubuga rw'ubufatanye, guhuza ibikorwa, gusangira amakuru hagamijwe guhuriza hamwe ingufu zose z'abafatanyabikorwa bakora mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gusoma.



ABANA N'URUBYIRUKO



Photo Credit: Martin Kharumwa/ Save the Children



Photo Credit: Lynette Lim/ Save the Children

Gusoma ni ukwishimisha! Ushobora kumenya inkuru zishimishije zerekeranye n'abandi bana nkawe cyangwa ukamenya amakuru y'ahandi hantu kure.

Uko urushaho gusoma ni nako urushaho kumenya. Ibitabo bituma uba umunyabwenge; bikagufasha kwiga ubundi bumenyi bushya.

Teganya igihe cyo gusoma buri muni. Ushobora kwihitiramo igitabo cyo gusoma wowe ubwawe cyangwa ubifashishijwemo n'inshuti cyangwa umuryango.

Shaka incuti mufatanya gusoma. Muteganye igihe muzajya musomeraho mwembi cyangwa mufashe umwana mutoya kwiga kunononsora uburyo bwe bwo gusoma.

Jya ugira uruhare mu bikorwa bijyanye no gusoma bibera mu mudugudu wanyu. Sura amasomero cyangwa amaguriro y'ibitabo kugirango ubashe kumenya ibyanditswe bishobora gusomwa bihaboneka.

Buri wese afite inkuru y'umwimerere mu mutwe we. Andika inkuru yawe noneho uyigeze ku nshuti zawe n'abandi bana mwigana.



Rwanda Reads ni umushinga Minisiteri y'Uburezi ihuriyeho na REB ugamije guteza imbere umuco wo gusoma, kumenya kwandika no gusoma mu Rwanda hose. Ni urubuga rw'ubufatanye, guhaza ibikorwa, gusangira amakuru hagamijwe guhuriza hamwe ingufu zose z'abafatanyabikorwa bakora mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gusoma.

